**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**

**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/ INTUMWA NKURU YA LETA MU NAMA MPUZABIKORWA YA KOMITE Z'UTURERE ZISHINZWE GUCUNGA IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO.**

Madamu Umunyamabanga Uhoraho ukaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Yungirije;
Bayobozi b'Uturere Bungirije bashinzwe iterambere ry'ubukungu;
Uhagarariye Polisi y'Igihugu;
Uhagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka;
Bakozi bafite mu nshingano imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo;

Mbanje kubasuhuza nanabashimira uburyo mwitabiriye ubutumire bwacu muri benshi. Ibi bitwereka agaciro muha inshingano muhabwa n'amategeko zo gucunga imitungo yasizwe na bene yo;

Mu buzima bw'ibihugu hari ubwo haba ibihe bishingiye ku mpamvu zinyuranye: ubuhunzi, intambara, ibiza, imihindagurukire y'ikirere n'izindi nyinshi bishobora gutuma imitungo itimukanwa mu gihugu iki n'iki isigara idafite uyicunga cyangwa uwemerewe kuyicunga mu rwego rw'amategeko.

Mu gihugu cyacu kubera impamvu zimwe muri izo mpamvu cyane cyane intambara na jenoside yakorerwe Abatutsi hagiye hasigara imitungo irimo ubutaka, amasambu ahingwa, amashyamba, amazu yo guturamo n'ay'ubucuruzi, inganda n'indi mitungo yari igize ubuzima bwabo. Raporo zitangwa na za komite buri kwezi, zigaragaza ko imitungo yasizwe na bene yo mu Gihugu hose igera ku 1,166 irimo amazu 353, ibibanza 47, imirima 674, inzuri 10, amashyamba 77, station ya essence 1 n'inganda 4.

Kuva mu mwaka wa 2000, Leta y'u Rwanda imaze kubona ko iyo mitungo itari igifite gikurikirana yari yatangiye kononekara ndetse no kwigabizwa n'abatayifiteho uburenganzira, yafashe inshingano zo kuyicunga mu mwanya wa bene yo kugira ngo idakomeza kwangirika no gutwarwa n'ubonetse wese, bikazatera amakimbirane n'imanza z'urudaca;

Mu mwaka wa 2004, nibwo hashyizweho Itegeko rigena uburyo iyi mitungo igomba gucungwa, rinagena imikorere ya za Komisiyo zikorera ku rwego rw'Akarere, zishinzwe kuyicunga. Mu mwaka wa 2015, Itegeko ryarahinduwe, hajyaho uburyo burushaho kunoza imicungire y'iyi mitungo. Mu mwaka wa 2017 hagiyeho Iteka rya Minisitiri rigena imicungire y'iyi mitungo n'imikoranire y'inzego zigira uruhare mu kuyicunga rigena uburyo Komite zishinzwe kuyicunga zijyaho, rinagena inshingano z'izo komite;

Amavugurura yose yagiye abaho yari agamije kurushaho kunoza imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo no kunoza imikoranire y'inzego zifite aho zihuriye n'icungwa ryayo. Ni muri urwo rwego izitwaga Komisiyo zasimbuwe na Komite, ubu tukaba dufite Komite mu turere 26 tubarizwamo imitungo yasizwe na bene yo, abagize izo komite bakagenwa n'Inama Njyanama y'Akarere. Aya mavugurura yose mvuze haruguru yagize impinduka nziza mu micungire y'iyi mitungo, tukaba twishimira kandi dushimira mwese abafite uruhare mu icungwa ry'imitungo, uburyo muyikurikirana, muyirinda kwangirika no kwigabizwa n'abatari ba nyirayo;

Kugeza ubu, ibikorwa by'ingenzi byakozwe na za komite kuri iyi mitungo byari bigamije cyane cyane ku kuyibarura, kuyibyaza umusaruro no gucunga neza umusaruro uyikomokaho, nyamara mu nshingano za komite zo gucunga iyo mitungo neza, harimo no kugurisha iyangirika kandi inasaza, ikegurirwa abantu bafite ubushobozi bwo kuyizahura ikongera kugira akamaro. Harimo kandi n'uburyo bwo guha uburenganzira abashobora kuyicunga n'abasanzwe bayirimo kugira ngo bakomeze kuyifata neza;

Itegeko ryerekeye imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo, riteganya ko urwego rubifitiye ububasha rushobora gutanga ikibanza, inzu ituzuye cyangwa yasenyutse n'ibikorwa birimo byasizwe na bene byo, dufite kandi Iteka rigena uburyo bwo gucunga imitungo yasizwe na bene yo n'imikoranire y'inzego zigira uruhare mu kuyicunga, riteganya uburyo ibibanza, amazu ashaje n'atuzuye byegurirwa abashoboye kubyubaka no kubizahura. Amategeko yacu kandi ateganya uburyo iyo nyir'umutungo yigaragaje, awusubizwa wose, akanasubizwa amafaranga yawukomotseho;

Itegeko dufite ubu riteganya ko Minisitiri w'Ubutabera ashobora guha uburenganzira bwo gucunga umutungo umwe mu bashobora kuwuzungura cyangwa uwari uwurimo byemejwe n'Inama Njyanama y'Umudugudu uwo mutungo uherereyemo. Ubu buryo bukwiye gushyirwamo imbaraga kugira ngo abakomoka kuri ba nyir'imitungo bahabwe uburenganzira bwo kuyicunga nyuma yo kugirana na Komite amasezerano yo kuyicunga. Amasezerano y'icyitegererezo yarakozwe mwarayahawe, murasabwa kugira umwete wo kuyashyira mu bikorwa.

Ibi mbasabye uyu munsi bikwiye gukomeza gukorwa kugeza igihe imitungo yose yasizwe beneyo izasubirizwa ba nyirayo, ababakomokaho cyangwa abandi ku bw'andi masano musanga bikwiye ko bahabwa uburenganzira bwo kuyibacungira, cyangwa se ikegurirwa abashoboye kuyizahura, kuko iyi mitungo idakwiye kuguma mu nshingano za Leta zo kuyicunga;

Komite zikwiye kwifashisha Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze bagafatanya guhitamo abahabwa iyi mitungo hitawe cyane cyane ku bafitanye amasano na ba nyirayo ndetse n'abari basanzwe bayirimo. Aho bizagaragara ko ba nyir'imitungo bapfuye nta muzungura n'umwe basize, imitungo basize izegurirwa Leta, ishyirwe mu mutungo bwite wayo, hakurikijwe amategeko abigenga;

Ubu buryo bwo gucunga imitungo yasizwe na bene yo buzatuma icungwa neza, mu buryo burambye ikoreshwe neza n'ababifitiye ububasha n'ubushobozi, bizarinda Ubuyobozi bwacu guhora bubazwa impamvu hari imitungo iri aho gusa itagize icyo imaze, itanasubizwa ba nyirayo cyangwa se abayibacungira;

Ndasaba nkomeje inzego zitabiriye iyi nama ko ibi byose mbabwiye bikwiye gukorerwa mu mucyo, mukirinda amakosa ashobora kugaragaramo ingeso mbi nka ruswa, icyenewabo, itonesha n'ibindi;
Nsoza, ndabashimira mwese abashoboye kwitabira iyi nama nyunguranabitekerezo ariko by'umwihariko abaje bahagarariye za Komite zicunga imitungo yasizwe na bene yo mu Turere kubera akazi katoroshye bakora ko gucunga iyo mitungo buri munsi;

Ndashimira abo turi kumwe hano baje bahagarariye Inzego zitandukanye zifite aho zihurira n'icungwa ry'imitungo yasizwe na bene yo;

Ndabasaba ko nyuma y'iyi nama, twese abayitabiriye dufata umurongo umwe ndetse n'ingamba zituganisha ku buryo bunoze bwo gucunga neza iyo mitungo.

Murakoze